EPUBULIKA Y'U RWANDA

OURT: TGI KARONGI

O.B: ……..…………

·mail: ……..…………

REPUBLIQUE DU RWANDA
Au nom du Peuple Rwandais

ICYEMEZO N°....03..../2023/TGI/KNG GITEGEKA USHINJWA WATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO

Umwaka wa 2023, Umunsi wa 11 w'ukwezi kwa Mata,

Twebwe, RIZIKI Isabelle ,Perezida w' Urukiko Rwisumbuye rwa KARONGI , dufashijwe na NSENGIYUMVA Pascal , Umwanditsi Mukuru muri urwo Rukiko;

Tumaze kubona ko Ubushinjacyaha ku Rwego Rwisumbuye rwa Karongi bwaregeye uru rukiko uwitwa IRIMASO Alphonsine, Icyaha cyo gukubitano gukomeretsa k`ubushake, icyaha giteganywa kandi kigahanishwa ingingo ya 121 y'itegeko N° 068/2018/ ryo kuwa 30/08/2018 riteganya ibyaha n'ibihano muri Rusang. ikirego kikandikwa kuri nimero RP/MIN O0021/2021/TGI/KNG.

Tumaze kubona ko IRIMASO Alphonsine Mwene: MUTAZIGIHE Alphonse na MANIRAHARI Belie yavutse kuwa 30/06/ 1971 Avukira mu Mudugudu wa Ruhungamiyaga Akagali ka Kareba Umurenge wa Murundi Akarere ka Karongi intara y'iburengerazuba, ubu akurikiranywe n'ubushinjacyaha nk'uwatorotse ubutabera.

Dushingiye ku ngingo ya 160,161 n'162 y'itegeko Nº 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

Dutegetse ko IRIMASO Alphonsine agomba kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi ku

URUKIKO RWISUMBUYE RWA KARONGI

itariki ya 11/07/2023 saa mbiri za mugitondo, aho Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi ruburanishiriza imanza z'inshinjabyaha, atakwitaba bigafatwa ko yasuzuguye amategeko akaburanishwa adahari.

**Dutegetse** ko iki cyemezo kimanikwa ahagenewe amatangazo ku cyicaro cy'Urukiko Rwisumbuye rwa Karongi no muzindi Nkiko Zisumbuye .

Iki cyemezo gitangirwa gushyirwa mu bikorwa kuva ku italiki cyafashweho.

NI UKO BYEMEJWE KANDI BITEGETSWE BITYO KU MUNSI, UKWEZI N' UMWAKA BYAVUZWE HARUGURU.

PEREZIDA W`URUKIKO

RIZIKI Isabelle

URUKIKO RWISUMBUYE RWA KARONGI
REPUBULIKA Y'U RWANDA

UMWANDITSI MUKURU

NSENGIYUMVA Pascal